4 º separate accommodation and sanitation for men, women and unaccompanied children that are clean and usable;

5 º medication.

**Article 8: Interception provisoire d'un voyageur**

Un voyageur peut être provisoirement intercepté pour des raisons suivantes:

1º s'il y a lieu de suspecter qu'il est auteur ou victime de n'importe quelle infraction;

2º s'il y a une enquête en cours contre lui.

**Article 9: Droits d'un voyageur provisoirement intercepté à un poste-frontière**

Les droits d'un voyageur provisoirement intercepté à un poste frontière sont les suivants:

1 º être informée de motifs de son interception;

2 º informer son avocat ou toute autre personne de son choix;

3 º nourriture;

4 º un logement et des installations sanitaires séparées pour les hommes, les femmes et les enfants non accompagnés, qui sont propres et en état de fonctionnement;

5 º soins médicaux.

## UMUTWE WA III: INZEGO ZA VIZA NYARWANDA

### Ingingo ya 10: Viza itangwa hashingiwe ku masezerano

Viza itangwa hashingiwe ku masezerano ifite inzego zikurikira:

**Urwego VE:** uru rwego rwa viza rufite ibyiciro bibiri (2) bikurikira:

1 º **VE-1**: ni viza ihabwa umuntu ukomoka cyangwa uba mu gihugu gifitanye n'u Rwanda amasezerano yo gusonerana viza, winjiye mu gihugu kubera impamvu iyo ari yo yose yumvikana, uretse impamvu y'umurimo. Ni viza yo kwinjira inshuro imwe kandi igira agaciro mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90).

2 º **VE-2**: ni viza ihabwa umunyamahanga watambukaga mu Rwanda akoresheje ikibuga cy'indege cyangwa indi mipaka akabuzwa gukomeza urugendo kubera impamvu zitamuturutseho, nko guhinduka kwa gahunda y'urugendo rw'indege, ikirere kitameze neza cyangwa indi mpamvu yumvikana. Ni visa yo kwinjira inshuro imwe kandi igira agaciro mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72).

## CHAPTER III: CLASSES OF RWANDAN VISA

### Article 10: Visa issued under special arrangement

A visa issued under special arrangement has the following classes:

**Class VE**: this class of visa has the following two (2) sub classes:

1 º **VE-1**: is a visa issued to a person who is a national or a resident of a country with which Rwanda has a visa waiver arrangement, who enters the country for any valid reason other than employment. It is a single entry visa valid for a period not exceeding ninety (90) days.

2 º **VE-2**: is a visa issued to a foreigner who transits through a Rwandan airport or other borderpost but is inconvenienced to continue his or her travel due to circumstances beyond his or her control such as change of flight schedule, bad weather conditions or any other valid reason. It is a single entry visa, valid for a period not exceeding seventy-two (72) hours.

## CHAPITRE III: CLASSES DE VISA RWANDAIS

### Article 10: Visa délivré sur base d'arrangement spécial

Un visa délivré sur base d'arrangement spécial a les classes suivantes:

**Classe VE:** Cette classe de visa a les deux (2) sous classes suivantes:

1 º **VE-1**: est un visa délivré à un ressortissant ou résidant d'un pays avec lequel le Rwanda a un accord d'exemption de visa, qui entre au pays pour toute raison valable à l'exclusion d'emploi. C'est un visa à entrée unique, valide pour une période qui ne dépasse pas quatre-vingt-dix (90) jours.

2 º **VE-2**: est un visa délivré à un étranger qui transite par l'aéroport rwandais ou autre poste frontière, mais qui est incommodé de continuer son voyage en raison de circonstances indépendantes de sa volonté telles que le changement d'horaire de vol, les mauvaises conditions météorologiques ou toute autre raison valable. C'est un visa à entrée unique, valable pour une période qui ne dépasse pas soixante-douze (72) heures.

**Urwego VC**: uru rwego rwa viza ruhabwa abakozi b'indege cyangwa amato, rutangirwa aho binjirira mu Gihugu, kandi imara amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) ashobora kongerwa.

**Urwego VP**: uru rwego rwa viza rufite ibyiciro bibiri (2) bikurikira:

1 º **VP-1**: ni viza ihabwa umwenegihugu wo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, igatangirwa ku mupaka kandi igira agaciro k'igihe cy'amezi atandatu (6) ashobora kongerwa.

2 º **VP-2**: ni viza ihabwa umwenegihugu w'igihugu kigize umuryango wo mu karere cyangwa ihuriro risonewe kwishyura viza y'ibihugu byemeranyijwe gusonerana viza ku baturage babyo uretse abo mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba. Agaciro kayo kumvikanwaho ku rwego rw'uwo muryango.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Viza yo gutambuka**

Viza yo gutambuka-**VT** ihabwa umuntu utambuka mu Rwanda mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) kandi ishobora kongerwa mu gihe bibaye ngombwa. Isabirwa ku mupaka, kuri murandasi cyangwa ahandi hantu

**Class VC**: this class of visa is issued to a crew member of an aircraft or boat at entry point and it is valid for a period of seventy-two (72) hours renewable.

**Class VP**: this class of visa has the following two (2) sub-classes:

1 º **VP-1**: is a visa issued to a citizen of East African Community Partner States upon arrival and it is valid for six (6) months renewable.

2 º **VP-2**: is a visa issued to a national of a country member of a regional organisation or community with free visa other than the East African Community citizens. Its validity is agreed upon at community or organisational level.

**<u>Article 11</u>: Transit Visa**

Transit viza-**VT** is issued to a person who transits through Rwanda for a period not exceeding seventy-two hours (72) and it can be extended where necessary. It is applied for upon arrival at border post, online or at any other place as may be determined by the

**Classe VC**: cette classe de visa est délivrée à un membre d'équipage d'un aéronef ou bateau au point d'entrée et est valable pour une période de soixante-douze (72) heures renouvelable.

**Classe VP**: cette classe de visa a deux (2) sous classes suivantes:

1 º **VP-1**: est un visa délivré à un citoyen des États membres de la Communauté d'Afrique de l'Est à son arrivée et est valable pour six (6) mois renouvelables.

2 º **VP-2**: est un visa délivré à un ressortissant d'un pays membre d'une organisation régionale ou communauté soumise au visa gratuit faisant partie du régime d'exemption de visa autre que la Communauté d'Afrique de l'Est. Sa validité est convenue au niveau de la communauté ou de l'organisation.

**<u>Article 11</u>: Visa de transit**

Le visa de transit-**VT** est délivré à une personne qui transite par le Rwanda pour une période qui ne dépasse pas soixante-douze heures (72) et peut être prorogé si nécessaire. Il est demandé en arrivant au poste-frontière, sur l'internet ou par tout

hashobora kugenwa n'Ubuyobozi Bukuru.

Directorate General.

autre endroit tel que déterminé par la Direction Générale.

Viza yo gutambuka mu Rwanda ni iyo kwinjira inshuro imwe, kandi uyihawe ntiyemerewe gukora.

A transit visa is for single entry, and its holder is not permitted to work.

Un visa de transit est un visa à entrée unique, et le détenteur n'est pas autorisé à travailler.

**Ingingo ya 12: Viza yo gusura**

Viza yo gusura yemerera umunyamahanga gusura u Rwanda ku mpamvu z'ubukerarugendo, gushaka akazi, gusura inshuti, kwivuza cyangwa izindi mpamvu z'igihe gito zitari izo gukora.

Viza yo gusura igabanyijemo ibyiciro cumi na bibiri (12) biri ku mugereka wa I w'iri teka.

**Article 12: Visitor visa**

A visitor visa allows a foreigner to visit Rwanda for tourism, employment search, visit friends, medical treatment or other short-term reasons other than work purposes.

Visitors visa is divided into twelve (12) sub-classes that are in Annex I of this Order.

**Article 12: Visa de visite**

Un visa de visite permet à un étranger de se rendre au Rwanda pour le tourisme, la recherche d'emploi, la visite des amis, le traitement médical ou autres raisons de courte durée qui ne sont pas liées à l'emploi.

Le visa de visite est divisé en douze (12) sous-classes qui sont en Annexe I du présent arrêté.

## UMUTWE WA IV: IMPUSHYA ZO KUBA MU RWANDA

### Icyiciro cya mbere: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe

**Ingingo ya 13: Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ziri ku mugereka wa II w'iri teka.

## CHAPTER IV: RESIDENCE PERMITS

### Section One: Temporary residence permits

**Article 13: Classes of temporary residence permits**

Classes of temporary residence permits are in Annex II of this Order.

## CHAPITRE IV: PERMIS DE SÉJOUR

### Section première: Permis de séjour temporaire

**Article 13: Classes de permis de séjour temporaire**

Les classes de permis de séjour temporaire sont en Annexe II du présent arrêté.

**Ingingo ya 14: Igihe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rusabirwa**

Umunyamahanga ufite amasezerano y'umurimo ateganyijwe kumara iminsi irenze mirongo cyenda (90) akaba ari hanze y'u Rwanda, asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa kuva ku munsi yinjiriye mu gihugu.

Umunyamahanga usinye amasezerano y'akazi ari mu Rwanda, asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa kuva ku munsi yashyiriye umukono ku masezerano.

Umunyamahanga ushaka kuba mu Rwanda yikorera, yarandikishije ibikorwa bye by'ubucuruzi mbere yo kwinjira mu Rwanda, asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda rw'igihe giteganyijwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa kuva ku munsi yinjiriyeho mu Rwanda.

Umunyamahanga ushaka kuba mu Rwanda yikorera yarandikishije ibikorwa bye by'ubucuruzi ari mu Rwanda akaniyemeza kuhaguma, asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ku munsi w'iyandikwa ry'ibikorwa bye.

**Article 14: Application timeline for a temporary residence permit**

A foreigner who has a contract of employment of a period of more than ninety days (90) while outside Rwanda, applies for a temporary residence permit within fifteen (15) working days from the day of his or her entry in Rwanda.

A foreigner who concludes a contract of employment while in Rwanda applies for for a temporary residence permit within fifteen (15) working days from the date of concluding such a contract.

A foreigner who intends to reside in Rwanda as a self-employed person and has registered his or her business before entry applies for a temporary residence permit within fifteen (15) working days from the date of entry.

A foreigner who intends to reside in Rwanda as a self-employed person who registers his or her business after entry and decides to stay in Rwanda applies for a temporay residence permit within fifteen (15) working days from the date of his or her business registration.

**Article 14: Délai de demande d'un permis de séjour temporaire**

Un étranger qui a un contrat de travail d'une durée de plus de quatre-vingt-dix jours (90) étant à l'extérieur du Rwanda, demande un permis de séjour temporaire endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date d'entrée au Rwanda.

Un étranger qui conclut un contrat de travail alors qu'il se trouve au Rwanda demande le permis de séjour temporaire endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de la conclusion d'un tel contrat.

Un étranger qui a l'intention de résider au Rwanda en tant que travailleur indépendant et qui a enregistré ses activités commerciales avant l'entrée demande un permis de séjour temporaire endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date d'entrée.

Un étranger qui a l'intention de résider au Rwanda en tant que travailleur indépendant qui enregistre ses activités commerciales après son entrée et qui décide de rester au Rwanda demande un permis de séjour temporaire endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date d'enregistrement de ses activités commerciales.

**Ingingo ya 15: Itangwa ry'uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rutangirwa ku biro by'Ubuyobozi Bukuru cyangwa ahandi hantu Ubuyobozi Bukuru bwagena.

Haseguriwe andi mategeko n'amabwiriza abigenga, iyo usaba amaze gutanga ibisabwa byose mu Buyobozi Bukuru, ahabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe mu gihe cy'iminsi icumi (10) kuva ku munsi yarusabiyeho.

**Ingingo ya 16: Igihe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rumara**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhawe umunyamahanga igihugu gifitemo inyungu yihariye hakurikijwe ibiri ku mugereka wa II w'iri teka rumara igihe kitarenze imyaka itatu (3) ishobora kongerwa bisabwe n'uwaruhawe.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhawe umunyamahanga wese uba mu Rwanda yaba yikorera cyangwa ari umukozi rumara imyaka ibiri (2) kandi rushobora kongerwa bisabwe n'uwaruhawe.

**Article 15: Issuance of a temporary residence permit**

A temporary residence permit is issued at the office of the Directorate General or at any other place the Directorate General may designate.

Subject to other relevant laws and regulations, the applicant is granted a temporary residence permit within ten (10) days of application, upon submitting the necessary requirements to the Directorate General.

**Article 16: Validity of a temporary residence permit**

A temporary residence permit issued to a foreigner of particular national interest in accordance with the Annex II of this Order is valid for a period not exceeding three (3) years renewable upon application by the beneficiary.

A temporary residence permit issued to a foreigner residing in Rwanda, whether he or she is self-employed or a worker is valid for two (2) years and renewable upon application by the beneficiary.

**Article 15: Délivrance de permis de séjour temporaire**

Un permis de séjour temporaire est délivré au bureau de la Direction Générale ou à un autre endroit que la Direction Générale peut désigner.

Sous réserve des autres lois et règlements en la matière, le demandeur reçoit un permis de résidence temporaire endéans dix (10) jours dès l'introduction de la demande à la Direction Générale.

**Article 16: Validité d'un permis de séjour temporaire**

Un permis de séjour temporaire délivré à un étranger dans l'intérêt particulier de la nation conformément à l'Annexe II du présent arrêté est valable pour une période qui ne dépasse pas trois (3) ans renouvelable sur demande du bénéficiaire.

Un permis de séjour temporaire délivré à un étranger résidant au Rwanda, qu'il soit travailleur indépendant ou employé a une validité de deux (2) ans et peut être renouvelé sur demande du bénéficiaire.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhawe umunyamahanga wahawe uruhushya rw'igihe giteganyijwe rwo mu cyiciro kimwe nibura inshuro ebyiri (2) rumara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Rutangwa hashingiwe ku isuzuma rikozwe n'Ubuyobozi Bukuru ku byerekeye ubushobozi bw'urusaba bwo gukomeza ubucuruzi n'amafaranga afite.

**Ingingo ya 17: Abagenewe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhabwa umunyamahanga wese uba mu Rwanda yaba yikorera cyangwa ari umukozi. Rutangwa hashingiwe ku masezerano magirirane hagati y'u Rwanda n'ikindi gihugu cyangwa imigirire isanzweho.

**Ingingo ya 18: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhesha umunyamahanga n'abagize umuryango we kuba mu gihugu mu gihe giteganyijwe.

Uwahawe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ashobora gukora, gucuruza, cyangwa gukora undi murimo rumuhera uburenganzira.

A temporary residence permit issued to a foreigner who has acquired a temporary residence permit in the same category at least twice is valid for five (5) years renewable. It is issued depending on the assessment made by the Directorate General on the applicant's ability to run the business and the financial capacity.

**Article 17: Beneficiaries of a temporary residence permit**

A temporary residence permit is issued to a foreigner residing in Rwanda, whether he or she is self-employed or a worker. It is issued on reciprocity agreement between Rwanda and another country or the existing practice.

**Article 18: Rights of a temporary residence permit holder**

A temporary residence permit enables a foreigner to reside with his or her family for a specified period.

The holder of a temporary residence permit may work, establish a business, invest, or perform any other activity authorised by his or her permit.

Un permis de séjour temporaire délivré à un étranger qui a acquis un permis de séjour temporaire dans la même catégorie au moins deux fois a une validité de cinq (5) ans renouvelable sur demande. Il est délivré sur base de l'évaluation faite par la Direction Générale sur la capacité du demandeur de gérer l'entreprise et de sa capacité financière.

**Article 17: Bénéficiaires d'un permis de séjour temporaire**

Un permis de séjour temporaire est délivré à un étranger employé ou entrepreneur résidant au Rwanda. Il est délivré sur base d'un accord de réciprocité entre le Rwanda et un autre pays ou la pratique existante.

**Article 18: Droits accordés à un détenteur d'un permis de séjour temporaire**

Un permis de séjour temporaire permet à un étranger et sa famille de résider au Rwanda dans un délai déterminé.

Le détenteur d'un permis de séjour temporaire peut travailler, créer une entreprise, investir, ou exercer toute autre activité autorisée par son permis.

Uwahawe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe yemerewe kwinjira mu Rwanda inshuro nyinshi.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 cy'iyi ngingo, nta ruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rushobora kurenza igihe giteganywa mu masezerano y'umurimo y'umukozi.

**__Ingingo ya 19__: Ibikurikizwa n'ibisabwa ku bakozi b'isosiyete bahererekanyijwe**

Amaze kubyemererwa, umunyamahanga usaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ashingiye ku koherezwa gukora umurimo ugenwe cyangwa serivisi biteganywa mu cyiciro Q1 cyo ku mugereka wa II w'iri teka, agomba kugaragaza ibisabwa by'inyongera bikurikira:

1 º ikimenyetso kigaragaza isano iri hagati y'isosiyete cyangwa umuryango mvamahanga wohereje umukozi na sosiyete cyangwa umuryango wo mu Rwanda umukozi yoherejwemo;

2 º amasezerano y'umurimo yagiranye n'isosiyete cyangwa n'umuryango mvamahanga atagomba kugira agaciro kari munsi y'igihe usaba yifuza kuba mu Rwanda;

The holder of a temporary residence permit is entitled to multiple entries.

Without prejudice to provisions of paragraph One and 2 of this Article, no temporary residence permit may exceed the duration of the employees' contract.

**__Article 19__: Procedure and requirement for intra-company transfer**

Upon approval, a foreigner applying for a temporary residence permit on grounds of a transfer for specified employment or service as provided for under sub-class Q1 of Annex II of this Order must provide the following additional requirements:

1 º a proof of affiliation between a foreign or international company or organisation transferring an employee and a Rwandan company or organisation of his or her placement;

2 º an employment contract with a foreign company or organisation for a duration which must not be shorter than the expected length of stay in Rwanda;

Le détenteur d'un permis de séjour temporaire a doit à plusieurs entrées.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article, aucun permis de séjour temporaire ne peut avoir une durée supérieure à celle de son contrat du travail.

**__Article 19__: Procédure et conditions de transfert d'employés de même société**

Après approbation, l'étranger demandant un permis de séjour temporaire sur base d'un transfert pour un emploi ou service spécifique tel que prévu par la sous-classe Q1 de l'Annexe II du présent arrêté doit remplir les conditions supplémentaires suivantes:

1 º une preuve d'affiliation entre une société ou une organisation étrangère ou internationale transférant un employé et une entreprise ou organisation rwandaise dans laquelle il est affecté;

2 º un contrat de travail avec une société ou une organisation étrangère d'une durée qui ne doit pas être plus courte que la durée de séjour prévue au Rwanda;

3 º icyemezo kigaragaza ko yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko;

4 º ibaruwa imusabira yanditswe n'isosiyete cyangwa umuryango wo mu Rwanda yemera iyoherezwa ry'umukozi w'umunyamahanga kandi igaragaza umurimo we n'igihe akazi kazamara mu Rwanda;

5 º ikimenyetso kigaragaza ubwishyu bw'amafaranga asabwa.

**Icyiciro cya 2: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

**Ingingo ya 20: Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe ni izi zikurikira:

**Urwego L-1**

Uru ruhushya rushobora guhabwa umunyamahanga umaze imyaka icumi (10) ingunga mu Rwanda atuye byemewe n'amategeko.

**Urwego L-2**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga wagize icyo amarira u Rwanda kidasanzwe cyangwa uwo u Rwanda rufitemo inyungu mu buryo bw'umwihariko.

3 º a criminal record certificate;

4 º a recommendation letter from a company or organisation in Rwanda, accepting the transfer of a foreign employee and specifying his or her occupation and the duration of his or her employment in Rwanda;

5 º a proof of payment of the corresponding fee.

**Section 2: Permanent residence permit**

**Article 20: Classes of permanent residence permits**

Classes of the permanent residence permits are the following:

**Class L-1**

This permit may be issued to a foreigner who has been legally residing in Rwanda for an aggregate of ten (10) years.

**Class L-2**

This permit is issued to a foreigner who made an exceptional contribution to Rwanda or who is of particular interest to Rwanda.

3 º un extrait du casier judiciaire;

4 º une lettre de recommandation d'une société ou une organisation au Rwanda, acceptant le transfert d'un employé étranger et précisant son activité professionnelle et la durée de son emploi au Rwanda;

5 º une preuve de paiement des frais correspondants.

**Section 2: Permis de séjour permanent**

**Article 20: Classes des permis de séjour permanents**

Les classes des permis de séjour permanents sont les suivantes:

**Classe L-1**

Ce permis peut être délivré à un étranger ayant légalement résidé au Rwanda pendant une période de dix (10) ans cumulés.

**Classe L-2**

Ce permis est délivré à un etranger qui a apporté une contribution exceptionnelle au Rwanda où qui est d'un intérêt particulier pour le Rwanda.

**Urwego L-3**

Uru ruhushya ruhabwa abakozi bakuru b'ikigo cyangwa isosiyete mpuzamahanga bikorera mu Rwanda bifitiye Igihugu akamaro kadasanzwe mu gihe bari gukorera mu Rwanda.

**Urwego L-4**

Uru ruhushya ruhabwa ugize umuryango nyarwanda uba hanze y'u Rwanda wahawe ubwenegihugu n'igihugu kitemera ubwenegihugu burenze bumwe.

**Urwego L-5**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga washyingiranywe n'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe.

**Urwego L-6**

Uru ruhushya ruhabwa abakomoka ku wahawe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe ugejeje ku myaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko.

**Urwego L-7**

Uru ruhushya rutangwa ku mpamvu z'ubutabazi, rugahabwa umunyamahanga ukeneye kurengerwa kubera umwihariko we cyangwa izindi mpamvu zose zitamuturutseho.

**Class L-3**

This permit is issued to senior staff of a multinational organisation or company operating in Rwanda which is of special interest in case they are working in Rwanda.

**Class L-4**

This permit is issued to a member of the Rwandan community who resides abroad, who acquired a nationality of a country which does not accept dual nationality.

**Class L-5**

This permit is issued to a foreigner who is married to the permanent residence permit holder.

**Class L-6**

This permit is issued to an offspring of a permanent residence permit holder, who has reached twenty-five (25) years old.

**Class L-7**

This permit is issued on humanitarian grounds to a foreigner in need of protection due to his or her personal circumstances or circumstances beyond his or her control.

**Classe L-3**

Ce permis est délivré aux hauts cadres d'une organisation ou une société multinationale oeuvrant au Rwanda qui est d'un intérêt spécial et qui travaillent au Rwanda.

**Classe L-4**

Ce permis est délivré à un membre de la communauté rwandaise qui réside à l'étranger et qui a acquis la nationalité d'un pays qui ne reconnait pas la double nationalité.

**Classe L-5**

Ce permis est délivré à un étranger qui est marié à un détenteur d'un permis de séjour permanent.

**Class L-6**

Ce permis est délivré à un descendant d'un détenteur de permis de séjour permanent qui a atteint l'âge de vingt-cinq (25) ans.

**Classe L-7**

Ce permis est délivré pour des raisons humanitaires à un étranger qui est dans le besoin de protection en raison de circonstances personnelles ou de circonstances indépendantes de sa volonté.

**Ingingo ya 21: Uburenganzira bw'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

Ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe n'abagize umuryango we bafite uburenganzira bwo kuhaguma nk'uko biteganywa n'iri teka.

Umwana ubana n'ababyeyi be bafite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe aguma kuba yanditswe ku babyeyi be kugeza agejeje ku myaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko, akabona guhabwa urwe ruhushya rwo kuba mu Rwanda iyo abisabye.

Iyandikwa ry'umwana w'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe rikorerwa ku biro by'Ubuyobozi Bukuru.

**Ingingo ya 22: Kwamburwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe rushobora kwamburwa uwaruhawe ku mpamvu zikurikira:

1 º uwaruhawe yahamwe n'icyaha cy'ubugome;

2 º uwaruhawe amaze igihe kirenze imyaka itatu (3) ikurikiranye atari mu Rwanda, keretse igihe ari mu

**Article 21: Rights of a permanent residence permit holder**

A holder of a permanent residence permit and his or her family members have right to stay in Rwanda in accordance with provisions of this Order.

A child living with his or her parents holding a permanent residence permit, is registered on his or her parents until he or she reaches twenty-five (25) years old, when he or she acquires his or her own permanent residence permit upon application.

The registration of the child of a holder of a permanent residence permit is done at the office of the Directorate General.

**Article 22: Cancellation of a permanent residence permit**

A permanent residence permit may be cancelled due to the following circumstances:

1 º the holder has been convicted of a felony;

2 º the holder has been out of Rwanda for more than three (3) consecutive years except where he or she was

**Article 21: Droits d'un détenteur d'un permis de séjour permanent**

Le détenteur d'un permis de séjour permanent et ses membres de famille ont droit de rester au Rwanda conformément aux dispositions du présent arrêté.

Un enfant vivant avec ses parents ayant une résidence permanente est enregistré à ses parents jusqu'à ce qu'il atteigne l'âge de vingt-cinq (25) ans, lorsqu'il acquiert son propre permis de séjour permanent sur demande.

L'enregistrement de l'enfant d'un détenteur d'un permis de séjour permanent se fait au bureau de la Direction Générale.

**Article 22: Annulation d'un permis de séjour permanent**

Un permis de séjour permanent peut être annulé en raison des circonstances suivantes:

1 º le détenteur a été reconnu coupable d'un crime;

2 º le détenteur a été à l'extérieur du Rwanda pendant plus de trois (3) ans consécutifs sauf s'il résidait à

butumwa bw'akazi yoherejwemo n'u Rwanda cyangwa atunzwe n'uri mu butumwa bw'akazi yoherejwemo n'u Rwanda. Icyakora, iki gihe nticyitabwaho ku banyarwanda batuye mu mahanga;

3 º indi mpamvu iyo ari yo yose yerekeye umutekano w'Igihugu.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku mpushya zo kuba mu Rwanda**

**Ingingo ya 23: Ikarita iranga umunyamahanga**

Umunyamahanga wamerewe uruhushya rwo kuba mu Rwanda ahabwa ikarita iranga umunyamahanga wemerewe kuba mu Rwanda.

Ikarita iranga uwemerewe kuba mu Rwanda irimo ibyiciro bitatu (3) bikurikira:

1 º ikarita isanzwe;

2 º ikarita y'abadipolomate;

3 º ikarita y'abaterankunga mu rwego rwa tekiniki.

Ikarita iranga umunyamahanga itangwa n'Ubuyobozi Bukuru.

residing abroad in the service of the State or was a dependent of a person abroad in the service of the State. However, this timeline does not apply to Rwandan community residing abroad;

3 º any other reason relating to national security.

**Section 3: Common provisions to residence permits**

**Article 23: Resident identity card**

A foreigner whose residence permit has been approved is issued a resident identity card.

The resident identity card is classified in the following three (3) categories:

1 º ordinary card;

2 º diplomatic card;

3 º technical assistant card.

The resident identity card is issued by the Directorate General.

l'étranger au service de l'État ou était à la charge d'une personne résidant à l'étranger au service de l'État. Toutefois, ce délai ne s'applique pas à la communauté rwandaise résidant à l'étranger;

3 º toute autre raison relative à la sécurité nationale.

**Section 3: Dispositions communes aux permis de séjour**

**Article 23: Carte d'identité pour étranger**

Il est délivré une carte d'identité pour étranger à un étranger dont le permis de séjour est approuvé.

La carte d'identité pour étranger est classée en trois (3) catégories reprises ci-après:

1 º carte ordinaire;

2 º carte diplomatique;

3 º carte d'assistance technique.

La carte d'identité pour étranger est octroyée par la Direction Générale.

Icyakora, ikarita y'abadipolomate n'ikarita y'abaterankunga mu rwego rwa tekiniki zitangwa hashingiwe ku cyemezo kimusabira gitangwa na Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze.

Ikarita iranga umunyamahanga igira agaciro gahwanye n'ak'uruhushya rwo kuba mu Rwanda.

**Ingingo ya 24: Amasezerano yo gusonerana ikiguzi kuri viza cyangwa impushya zo kuba mu Rwanda**

U Rwanda rushobora kugirana amasezerano n'igihugu kimwe cyangwa byinshi ku byerekeye isonerana rya viza cyangwa impushya zo kuba mu gihugu. Gusonerana byemezwa n'inzego zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 25: Gukora k'ugize umuryango w'umudipolomate**

Ugize umuryango w'umudipolomate ashobora kwemererwa gukorera mu Rwanda iyo abisabye Umuyobozi Mukuru. Mu gihe akora agengwa n'amategeko agenga umurimo mu Rwanda.

However, the diplomatic and technical assistance identity cards are issued upon recommendation from the Minister in charge of foreign affairs.

The resident identity card has the same validity as the corresponding residence permit.

**Article 24: Waiver regime of the cost of visas and residence permits**

Rwanda may enter into visa or residence permit waiver regime between one or more countries. The waiver is approved by competent organs.

**Article 25: Working for a family member of a diplomat**

A family member of a diplomat may be allowed to work in Rwanda upon approval by the Director General. While working, he or she is bound by the law regulating labour in Rwanda.

Toutefois, la carte d'identité diplomatique et la carte d'assistance technique sont délivrées sur recommandation du Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

La carte d'identité pour étranger a la même validité que celle du permis de séjour.

**Article 24: Accord d'exonération de frais de visa ou de permis de séjour**

Le Rwanda peut signer des accords d'exonération de frais de visa ou de permis de séjour avec un ou plusieurs pays. L'exonération est approuvée par les organes compétents.

**Article 25: Travail pour un membre de la famille d'un diplomate**

Un membre de famille d'un diplomate peut être autorisé à travailler au Rwanda s'il en fait une demande auprès du Directeur Général. En cas de travail, il se conforme à la législation régissant le travail au Rwanda.

**UMUTWE WA V: INYANDIKO Z'INZIRA Z'U RWANDA N'ITANGWA RYAZO**

**Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'inyandiko z'inzira z'u Rwanda**

**Ingingo ya 26: Pasiporo isanzwe**

Pasiporo isanzwe ikubiyemo ibice bibiri (2) bikurikira:

1 º pasiporo y'umwana;

2 º pasiporo y' umuntu mukuru.

Pasiporo y'umwana igira agaciro k'imyaka ibiri (2) cyangwa itanu (5).

Pasiporo y'umuntu mukuru igira agaciro k'imyaka itanu (5) cyangwa icumi (10).

Amabwiriza y'Ubuyobozi Bukuru agena ibishingirwaho mu gusaba no gutanga pasiporo isanzwe.

**Ingingo ya 27: Pasiporo y'akazi**

Pasiporo y'akazi ihabwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ugiye hanze y'u Rwanda mu butumwa bw'Igihugu. Ishobora no guhabwa umukozi w'Umunyarwanda utari umudipolomate ukora mu biro bihagarariye u Rwanda mu mahanga cyangwa undi muntu ugiye hanze

**CHAPTER V: RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS AND THEIR ISSUANCE**

**Section One: Categories of rwandan travel documents**

**Article 26: Ordinary passport**

The ordinary passport is classified in the following two (2) categories:

1 º child passport;

2 º adult passport.

A child passport is valid for a period of two (2) or five (5) years.

Adult passport is valid for a period of five (5) or ten (10) years.

Instructions of the Directorate General determine requirements and modalities for application for and issuance of ordinary passport.

**Article 27: Service passport**

A service passport is issued to both national and non-national who is traveling abroad on national duty. It may also be issued to a Rwandan who is not a diplomatic officer working as local staff in diplomatic mission of Rwanda or another person traveling abroad for an activity of national interest.

**CHAPITRE V: DOCUMENTS DE VOYAGE RWANDAIS ET LEUR DÉLIVRANCE**

**Section première: Catégories de documents de voyage rwandais**

**Article 26: Passeport ordinaire**

Le passeport ordinaire est classé en deux (2) catégories reprises ci-après:

1 º passeport pour enfant;

2 º passeport pour adulte.

Le passeport pour enfant est valable pour une période de deux (2) ou cinq (5) ans.

Le passeport pour adulte est valable pour une période de cinq (5) ou dix (10) ans.

Les instructions de la Direction Générale déterminent les conditions et modalités de demande et de délivrance d'un passeport ordinaire.

**Article 27: Passeport de service**

Un passeport de service est délivré à un Rwandais ou étranger qui voyage à l'extérieur du pays au service national. Il peut également être délivré à un Rwandais qui travaille dans une mission diplomatique du Rwanda sans qualité de diplomate, ou à une autre personne qui

y'u Rwanda mu mirimo Igihugu gifitemo inyungu.

Pasiporo y'akazi igira agaciro k'imyaka itanu (5).

Ubuyobozi Bukuru bushyiraho amabwiriza agenga imitangire n'imicungire bya pasiporo y'akazi.

**Ingingo ya 28: Pasiporo y'abanyacyubahiro**

Pasiporo y'abanyacyubahiro ihabwa umunyacyubahiro nk'uko biteganywa n'iri teka.

Pasiporo y'abanyacyubahiro igira agaciro k'imyaka itanu (5).

Pasiporo y'abanyacyubahiro ihabwa abanyacyubahiro bo mu byiciro (2) bikurikira:

1 º abanyacyubahiro b'ikirenga bagumana iyi pasiporo burundu; ni aba bakurikira:

a. Perezida wa Repubulika n'uwo bashakanye;

b. Perezida wa Sena;

c. Perezida w' Umutwe w'Abadepite;

A service passport is valid for a period of five (5) years.

Instructions of the Directorate General determine issuance modalities and management of service passport.

**Article 28: Diplomatic passport**

A diplomatic passport is issued to a high ranking Government official as determined by this Order.

A diplomatic passport is valid for a period of five (5) years.

A diplomatic passport is issued to high Government officials in the following two (2) categories:

1 º very high ranking officials who retain this passport permanently; they are the following:

a. the President of the Republic and his or her spouse;

b. the President of the Senate;

c. the Speaker of the Chamber of Deputies;

voyage à l'extérieur du pays pour une activité d'intérêt national.

Un passeport de service est valable pour une période de cinq (5) ans.

Les instructions de la Direction Générale déterminent les modalités de délivrance et de gestion d'un passeport de service.

**Article 28: Passeport diplomatique**

Le passeport diplomatique est délivré à une haute autorité du pays tel que déterminé par le présent arrêté.

Un passeport diplomatique est valable pour une période de cinq (5) ans.

Un passeport diplomatique est délivré aux hautes autorités du pays de deux (2) catégories suivantes:

1 º Les très hautes autorités du pays qui retiennent ce passport d'une façon permanente; elles sont les suivantes:

a. le Président de la République et son conjoint;

b. le Président du Sénat;

c. le Président de la Chambre de Députés;

d. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

e. Minisitiri w'intebe.

2 º abayobozi bakuru bayikoresha kandi bakayigumana mu gihe cyose bakiri muri ako kazi.

Ufite pasiporo y'abanyacyubahiro uvugwa mu gace ka 1º n'aka 2º tw'igika cya 3 cy'iyi ngingo ntashobora gukoresha ikindi cyiciro cya pasiporo keretse byemejwe n'Ubuyobozi Bukuru.

Ubuyobozi Bukuru, bumaze kugisha inama izindi nzego zibifitiye ububasha, bushobora kugena undi muntu wahabwa pasiporo y'abanyacyubahiro.

Abayobozi bakuru bavugwa mu gace ka 2º k'igika cya 3 cy'iyi ngingo basubiza Ubuyobozi Bukuru pasiporo y'abanyacyubahiro mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) bavuye mu mirimo yabahesheje uburenganzira bwo gukoresha pasiporo y'abanyacyubahiro.

Urutonde rw'abantu bemerewe gukoresha pasiporo y'abanyacyubahiro ruri ku mugereka wa III w'iri teka.

**<u>Ingingo ya 29</u>: *Laissez-passer***

*Laissez-passer* ihabwa Umunyarwanda

d. the President of the Supreme Court;

e. the Prime Minister.

2 º senior officials who use and retain it along their term of service.

A holder of a diplomatic passport referred to in point 1º and 2º of Paragraph 3 of this Article, cannot use another category of passport unless approved by the Directorate General.

The Directorate General, in consultation with competent authorities, may determine another person eligible for a diplomatic passport.

Senior officials refererred to in point 2º of Paragraph 3 of this Article, surrender their diplomatic passports to the Directorate General of Immigration and Emigration within ten (10) days following their ceasing to hold office or status for which a diplomatic passport was issued.

The List of persons entitled to the diplomatic passport is in annex III of this Order.

**<u>Article 29</u>: *Laissez-passer***

A *laissez-passer* is issued to a Rwandan

d. le Président de la Cour Suprême;

e. le Premier Ministre.

2 º hauts cadres qui l'utilisent et le retiennent pendant leur mandat.

Le titulaire d'un passeport diplomatique mentionné aux points 1º et 2º de l'alinéa 3 du présent article ne peuvent pas utiliser une autre catégorie de passeport, à moins qu'il soit autorisé par la Direction Générale.

La Direction Générale, après consultation avec les autorités compétentes, peut déterminer une autre personne éligible au passeport diplomatique.

Les hauts cadres visés au point 2º de l'alinéa 3 du présent article remettent leurs passeports diplomatiques à la Direction Générale endéans dix (10) jours qui suivent la cessation des fonctions pour lesquelles un passeport diplomatique a été délivré.

La liste des personnes qui ont droit au passeport diplomatique est en annexe III du présent arrêté.

**<u>Article 29</u>: Laissez-passer**

Un laissez-passer est délivré à un

ushaka kujya mu bihugu bigize Umuryango w'Afrika y'Iburasirazuba, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ndetse n'ikindi gihugu cyangwa Umuryango hakurikijwe amategeko abigenga.

*Laissez-passer* igira agaciro k'imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 30: *Laissez-passer* rusange**

*Laissez-passer* rusange ihabwa abanyarwanda bagendeye hamwe batari munsi ya bane (4), ariko batarenga icumi (10), bajya mu bihugu bigize Umuryango w'Afrika y'Iburasirazuba, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ndetse n'ikindi gihugu cyangwa n'Umuryango bishobora kugenwa n'amategeko abigenga.

*Laissez-passer* rusange igenewe urugendo rw'inshuro imwe gusa.

**Ingingo ya 31: *ASC/CEPGL***

*ASC/CEPGL* ihabwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda, rukamufasha kujya mu bihugu bigize umuryango wa CEPGL.

*ASC/CEPGL* igira agaciro k'umwaka umwe (1) ku muntu ukomoka mu gihugu kiri mu bigize Umuryango.

who intends to travel within the East African Community Partner States, the Democratic Republic of Congo and another country or Community in accordance with relevant laws.

The *laissez-passer* is valid for a period of two (2) years.

**Article 30: Collective *laissez-passer***

A collective *laissez-passer* is issued to Rwandan nationals who travel as a group of not less than four (4) people but not more than ten (10) people to the East African Community Partner States, the Democratic Republic of Congo and another country or Community as may be determined by relevant laws.

The collective *laissez-passer* is for a single travel.

**Article 31: *ASC/CEPGL***

*ASC/CEPGL* is issued to a Rwandan or to a foreigner holder of a residence permit to allow him or her to travel to CEPGL member States.

*ASC/CEPGL* is valid for a period of one (1) year for a citizen from the member States of the Community.

Rwandais qui a l'intention de voyager à l'intérieur des pays membres de la Communauté d'Afrique de l'Est, la République Démocratique du Congo et un autre pays ou Communauté conformément à la législation en la matière.

Le laissez-passer est valable pour une période de deux (2) ans.

**Article 30: Laissez-passer collectif**

Un laissez-passer collectif est délivré aux citoyens rwandais qui voyagent en groupe d'au moins quatre (4) personnes mais pas plus de dix (10) personnes dans les pays membres de la Communauté d'Afrique de l'Est, la République Démocratique du Congo et un autre pays ou communauté pouvant être déterminé par la législation en la matière.

Le laissez-passer collectif est pour un seul voyage.

**Article 31: ASC/CEPGL**

L'ASC/CEPGL est délivrée à un Rwandais ou un étranger détenteur d'un permis de séjour pour lui permettre de se rendre dans les États membres de la CEPGL.

L'ASC/CEPGL est valable pour une période d'une (1) année pour un ressortissant d'un État membre.

*ASC/CEPGL* igira agaciro k'amezi atatu (3) ku munyamahanga utuye muri kimwe mu bihugu bigize *CEPGL*.

Umuntu ufite *ASC/CEPGL* yemererwa kuba mu gihugu kigize umuryango wa CEPGL mu gihe giteganyijwe mu masezerano ku benegihugu n'igihe kitarengeje ukwezi kumwe (1) ku munyamahanga utuye muri kimwe mu bihugu bigize uyu muryango.

**__Ingingo ya 32__: Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka**

Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka rutangwa n'Ubuyobozi Bukuru, rugahabwa Umunyarwanda ufite urugendo, ariko hakaba hari impamvu zumvikana zituma atabona urundi rwandiko rw'inzira rw'u Rwanda.

Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka rushobora kandi no guhabwa umunyamahanga wataye urwandiko rw'inzira ari mu gihugu, cyangwa rwafatiriwe hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko, icy'ubutegetsi, cyangwa uwavukiye mu Rwanda ariko akaba adashobora kubona urwandiko rw'inzira rutanzwe n'igihugu cye.

Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka rukoreshwa inshuro imwe ku munyamahanga cyangwa mu rugendo

*ASC/CEPGL* is valid for a period of three (3) months for a foreigner residing in one of the member States of *CEPGL*.

The holder of *ASC/CEPGL* is allowed to stay in the hosting member State of CEPGL for a period determined in the agreement for nationals and for a period not exceeding one (1) month for a foreigner who resides in one of the member States of the Community.

**__Article 32__: Emergency travel document**

An emergency travel document is issued by the Directorate General to a Rwandan who intends to travel and has genuine constraints for obtaining other Rwandan travel document.

An emergency travel document may also be issued to a foreigner whose travel document got lost while in Rwanda or was confiscated following a court or an administrative decision or was born in Rwanda and could not obtain any travel document from his or her country.

The emergency travel document is for single use for a foreigner or for a single travel for a Rwandan.

L'ASC/CEPGL est valable pour une période de trois (3) mois pour les étrangers résidant dans l'un des États membres de la CEPGL.

Le détenteur de l'ASC/CEPGL est autorisé de rester dans le pays d'accueil État membre de la CEPGL pendant le délai déterminé par l'accord pour les nationaux et un délai n'excédant pas un (1) mois pour un étranger qui réside dans l'un des États membres de la Communauté.

**__Article 32__: Document de voyage d'urgence**

Un document de voyage d'urgence est délivré par la Direction Générale à un citoyen rwandais obligé de voyager et étant dans l'impossibilité d'obtenir un autre document de voyage rwandais.

Un document de voyage d'urgence peut également être délivré à un étranger dont le document de voyage a été perdu étant au Rwanda ou a été saisi sur base d'une décision du tribunal ou administrative, ou né au Rwanda mais n'étant pas capable d'obtenir un document de voyage de son pays.

Le document de voyage d'urgence est un document à usage unique pour un étranger ou à voyage unique pour un Rwandais.

rumwe ku Munyarwanda.

**Ingingo ya 33: Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda**

Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda ruhabwa umunyamahanga utuye mu Rwanda akaba atari impunzi kandi akaba adashobora kubona urundi rwandiko rw'inzira rw'igihugu cye. Rushobora kandi guhabwa umunyamahanga utagira ubwenegihugu utuye mu Rwanda.

Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda rutangwa gusa ku mpamvu z'urugendo.

Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda rugira agaciro k'imyaka itanu (5).

**Article 33: Resident travel document**

A resident travel document is issued to a foreigner with residence in Rwanda who is not a refugee and is unable to acquire another travel document of his or her country. It may also be issued to a stateless person who resides in Rwanda.

A resident travel document is issued only for purpose of travel.

The resident travel document is valid for a period of five (5) years.

**Article 33: Document de voyage d'un résident**

Un document de voyage d'un résident est délivré à un étranger qui réside au Rwanda qui n'est pas un réfugié et qui n'est pas en mesure d'acquérir un autre document de voyage de son pays. Il peut également être délivré à un apatride qui réside au Rwanda.

Un document de voyage d'un résident est délivré uniquement à des fins de voyage.

Un document de voyage d'un résident est valable pour une période de cinq (5) ans.

**Ingingo ya 34: Urwandiko rw'inzira rw'impunzi**

Urwandiko rw'inzira rw'impunzi ruhabwa umuntu wahawe sitati y'ubuhunzi mu Rwanda.

Impunzi ihawe uru rwandiko yemerewe kujya mu bihugu byose usibye igihugu ikomokamo.

Urwandiko rw'inzira rw'impunzi rugira agaciro k'imyaka itanu (5).

**Article 34: Refugee travel document**

A refugee travel document is issued to a person registered as a refugee in Rwanda.

A refugee holder of this document is allowed to travel in all countries except his or her country of nationality.

The refugee travel document is valid for a period of five (5) years.

**Article 34: Titre de voyage pour réfugié**

Un titre de voyage pour réfugié est délivré à une personne enregistrée comme réfugié au Rwanda.

Un réfugié détenteur de ce titre est autorisé de se rendre dans tous les pays excepté son pays de nationalité.

